

ITEGEKO N° 15/2015 RYO KU WA 05/05/2015
RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO
N° 07/2009 RYO KU WA 27/04/2009
RYEREKEYE AMASOSIYETE
Y'UBUCURUZI NK'UKO RYAHINDUWE
KANDI RYUJUIWE KUGEZA UBU

LAW N° 15/2015 OF 05/05/2015
MODIFYING AND COMPLEMENTING
LAW N° 07/2009 OF 27/04/2009 RELATING
TO COMPANIES AS MODIFIED AND
COMPLEMENTED TO DATE

LOI N° 15/2015 DU 05/05/2015 MODIFIANT
ET COMPLETANT LA LOI N° 07/2009 DU
27/04/2009 RELATIVE AUX SOCIETES
COMMERCIALES TELLE QUE
MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Imenyekanisha ry'umutungo
w'imigabane igeze nibura ku icumi ku ijana
(10%)

Article One: Disclosure of ownership stakes
representing at least ten per cent (10%)

Article premier : Déclaration de détention
d'au moins dix pour cent (10%) d'actions

Ingingo ya 2: Itangwa ry'imigabane yo mu
rwego rumwe cyangwa imigabane irutishwa
iyindi yatangiye gukoreshwa

Article 2: Issue of shares which rank equally
with, or in priority to existing shares

Article 2 : Emission des actions de la même
catégorie, ou des actions de préférence par
rapport aux actions existantes

Ingingo ya 3: Gusabwa guhamagarira abandi
banyamigabane kugura imigabane yabo

Article 3: Obligation to make a tender offer to
shareholders

Article 3 : Obligation de faire une offre
publique aux autres actionnaires

Ingingo ya 4: Ihinduka ry'uburenganzira

Article 4: Variation of rights

Article 4 : Modification de droits

Ingingo ya 5: Inama idasanzwe
y'abanyamigabane

Article 5: Special meeting of shareholders

Article 5 : Assemblée générale extraordinaire
des actionnaires

Ingingo ya 6: Abagize Inama y'Ubutegetsi
y'isosiyete ihamagarira rubanda kuguramo
imigabane bigenga

Article 6: Independent Members of the Board
of Directors in a public company

Article 6 : Membres indépendants du Conseil
d'Administration d'une société commerciale
publique

Ingingo ya 7: Amakuru yerekeye ubundi buyobozi arimo

Ingingo ya 8: Kumenyesha abanyamigabane igikorwa cy'ubucuruzi gikomeye cy'ugize Inama y'Ubutegetsi

Ingingo ya 9: Agaciro k'igikorwa cy'ubucuruzi kirimo inyungu bwite

Ingingo ya 10: Kugaragaza indishyi

Ingingo ya 11: Raporo y'ubugenzuzi

Ingingo ya 12: Komite ngenzuzi mu isosiyete ihamagarira rubanda kuguramo imigabane

Ingingo ya 13: Amahame ifoto y'umutungo igenderaho

Ingingo ya 14: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 16: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 7: Information of other directorships

Article 8: Disclosure by a member of the Board of Directors to shareholders of a major transaction

Article 9 : Value of a transaction that bears a personal interest

Article 10: Disclosure of compensation

Article 11: Auditor's report

Article 12: Audit committee in a public company

Article 13: Standards for financial statement preparation

Article 14: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 15: Repealing provision

Article 16: Commencement

Article 7: Information sur l'appartenance à la direction d'autres sociétés

Article 8: Déclaration aux actionnaires d'une transaction importante par un membre du Conseil d'administration

Article 9 : Valeur d'une transaction ayant un intérêt personnel

Article 10: Déclaration d'indemnisation

Article 11: Rapport de l'auditeur

Article 12: Comité d'audit au sein d'une société publique

Article 13: Normes à suivre pour la préparation des états financiers

Article 14: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Article 15: Disposition abrogatoire

Article 16: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N° 15/2015 RYO KU WA 05/05/2015
RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO
N° 07/2009 RYO KU WA 27/04/2009
RYEREKEYE AMASOSIYETE
Y'UBUCURUZI NK'UKO RYAHINDUWE
KANDI RYUJWE KUGEZA UBU**

**LAW N° 15/2015 OF 05/05/2015
MODIFYING AND COMPLEMENTING
LAW N° 07/2009 OF 27/04/2009 RELATING
TO COMPANIES AS MODIFIED AND
COMPLEMENTED TO DATE**

**LOI N° 15/2015 DU 05/05/2015 MODIFIANT
ET COMPLETANT LA LOI N° 07/2009 DU
27/04/2009 RELATIVE AUX SOCIETES
COMMERCIALES TELLE QUE
MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 6
Mata 2015;

The Chamber of Deputies, in its session of 6
April 2015;

La Chambre des Députés, en sa séance du 6 avril
2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko
ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo
zaryo, iya 29, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92,
iya 93, iya 94, iya 108 n' iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date ,
especially in Articles 29, 62, 66, 67, 90, 92, 93,
94, 108 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 29, 62, 66, 67, 90,
92, 93, 94, 108 et 201;

Isubiye ku Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa
27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi

Having reviewed Law n° 07/2009 of 27/04/2009
relating to companies as modified and

Revu la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative
aux sociétés commerciales telle que modifiée et

nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 87, iya 92, iya 125, iya 149, iya 154, iya 177, iya 191, iya 196, iya 215, iya 247 n'ya 254;

complemented to date, especially in Articles 87, 92, 125, 149, 154, 177, 191, 196, 215, 247, and 254;

complétée à ce jour, spécialement en ses articles 87, 92, 125, 149, 154, 177, 191, 196, 215, 247, et 254;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOpte:

Ingingo ya mbere: Imenyekanisha ry'umutungo w'imigabane igeze nibura ku icumi ku ijana (10%)

Article One: Disclosure of ownership stakes representing at least ten per cent (10%)

Article premier: Déclaration de détention d'au moins dix pour cent (10%) d'actions

Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 87 *bis* yanditse ku buryo bukurikira:

Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date is complemented with Article 87 *bis* worded as follows:

La Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour est complétée par l'article 87 *bis* libellé comme suit:

“Ingingo ya 87 bis: Imenyekanisha ry'umutungo w'imigabane igeze nibura ku icumi ku ijana (10%)

“Article 87 bis: Disclosure of ownership stakes representing at least ten per cent (10%)

« Article 87 bis: Déclaration de détention d'au moins dix pour cent (10%) d'actions

Umuntu wese ugize imigabane ingana nibura n'icumi ku ijana (10%) mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane agomba kubimenyesha Inama y'Ubutegetsi nayo ikabimenyesha abandi bafite imigabane muri sosiyete mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15). Imenyekana rikorwa mu nyandiko cyangwa ubundi buryo bwashyirwaho n'isosiyete.”

Any shareholder who has ownership stakes representing at least ten per cent (10%) in a public company shall disclose this to the Board of Directors which in turn discloses it to the shareholders within a period not exceeding fifteen (15) days. Such a disclosure shall be made in writing or through any other means as may be determined by the Company.”

Tout actionnaire détenant au moins dix pour cent (10%) d'actions dans une société publique doit le déclarer au Conseil d'Administration qui à son tour en informe les autres actionnaires dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours. Cette déclaration est faite par écrit ou par tout autre moyen pouvant être déterminé par la société. »

Ingingo ya 2: Itangwa ry'imigabane yo mu rwego rumwe cyangwa imigabane irutishwa iyindi yatangiye gukoreshwa

Ingingo ya 92 y' Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko shingiro agenga isosiyete, iyo isosiyete itanze imigabane yo mu rwego rumwe cyangwa imigabane irutishwa iyindi yatangiye gukoreshwa mu bijyanye n'uburenganzira mu matora no mu igabanamutungo, iyo migabane mishya igomba guhabwa abari basanganywemo imigabane kugira ngo itume bashobora, mu gihe byemejwe, gukomeza cyangwa kongera umubare uhwanye n'uburenganzira bwabo ku majwi no ku ruhare rwabo ku mutungo mu isosiyete.

Buri tangwa ry'umugabane rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rigomba kuba rifunguwe mu gihe gikwiye kigenwa n'isosiyete.”

Ingingo ya 3: Gusabwa guhamagarira abandi banyamigabane kugura imigabane yabo

Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko

Article 2: Issue of shares which rank equally with, or in priority to existing shares

Article 92 of Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

“Subject to provisions of the articles of association, where a company issues shares which rank equally with, or in priority to existing shares as to voting or distribution rights, those shares must be first offered for acquisition to the holders of the shares already issued, in a manner and on terms which would, if accepted, maintain or increase the relative voting and distribution rights, or both of those shareholders.

Any offer under Paragraph One of this Article must remain open for acceptance for a reasonable time determined by the company.”

Article 3: Obligation to make a tender offer to other shareholders

Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to

Article 2: Emission des actions de la même catégorie ou des actions de préférence par rapport aux actions existantes

L'article 92 de la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit:

« Sous réserve des dispositions des statuts régissant la société, lorsqu'une société émet des actions de la même catégorie ou des actions de préférence par rapport aux actions existantes en matière de droit de vote ou de partage, ces nouvelles actions doivent être offertes aux actionnaires existants pour leur permettre, une fois acceptées, de préserver ou augmenter la proportion de leur droit de vote et de leur partage du patrimoine ou les deux dans la société.

Toute offre mentionnée à l'alinéa premier du présent article doit demeurer ouverte à l'acceptation pendant une période jugée raisonnable déterminée par la société. »

Article 3: Obligation de faire une offre publique aux autres actionnaires

La Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et

ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 125 *bis* yanditse ku buryo bukurikira:

“Ingingo ya 125 bis: Gusabwa guhamagarira abandi banyamigabane kugura imigabane yabo

Umuntu wese ushaka kugira hejuru ya mirongo itanu ku ijana (50%) by’imigabane yemewe gutora mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane asabwe guhita ahamagarira abandi banyamigabane bose abinyujije ku Nama y’Ubutegetsi kugira ngo agure imigabane yabo.”

Ingingo ya 4: Ihinduka ry’uburenganzira

Ingingo ya 149 y’ Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y’ubucuruzi nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Iyo imari-shingiro y’isosiyete igabanyijemo ibyiciro bitandukanye by’imigabane, ntabwo isosiyete ishobora kugira icyo ikora gihindura uburenganzira bujyanye n’icyo cyiciro cy’imigabane, keretse iryo hindura ryaremejwe na ba nyir’imigabane bireba.

Iyo iryo hinduka ry’uburenganzira ryemejwe kandi n’isosiyete ikaba ifite ububasha bwo kurishyira mu bikorwa, ufite uwo mugabane wo muri icyo cyiciro utaremeye ntanahakane amatwara y’uwo mwanzuro wemeje ihinduka, ashobora gusaba urukiko kubuza igikorwa icyo aricyo cyose gishobora kubangamira

date is complemented with Article 125 *bis* worded as follows:

“Article 125 bis: Obligation to make a tender offer to other shareholders

Any person wishing to acquire more than fifty per cent (50%) of shares in a public company shall offer to purchase the remaining shares of all shareholders in a tender offer through the Board of Directors.”

Article 4: Variation of rights

Article 149 of Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

“Where the share capital of a company is divided into different classes of shares, a company shall not take any action which varies the rights attached to a class of shares unless that variation is approved by the holders of the concerned shares.

Where the variation of rights attached to a class of shares is approved and the company becomes entitled to take the action concerned, the holder of a share of that class, who did not consent to or cast any votes in favour of the resolution for the variation, may apply to the Court for an order

complétée à ce jour est complétée par l’article 125 *bis* libellé comme suit:

« Article 125 bis: Obligation de faire une offre publique aux autres actionnaires

Toute personne qui veut acquérir plus de cinquante pour cent (50%) d’actions dans une société publique doit procéder par offre publique en invitant tous les actionnaires, par l’intermédiaire du Conseil d’Administration, à lui vendre les actions qui lui manquent. »

Article 4: Modification de droits

L’article 149 de la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour est modifiée et complétée comme suit :

« Lorsque le capital social d’une société est réparti en différentes catégories d’actions, la société ne peut prendre aucune action qui modifie les droits liés à une catégorie d’actions, à moins que cette modification ne soit approuvée par les détenteurs des actions concernées.

Lorsque ladite modification des droits est approuvée et que la société est habilitée à exécuter cette modification, le détenteur de l’action de cette catégorie, qui n’a ni consenti, ni rejeté les votes en faveur de la résolution portant sur la modification, peut demander à la

umunyamigabane cyangwa agasaba isosiyete kugura iyo migabane.”

against acts that are prejudicial to a shareholder, or may require the company to purchase those shares.”

juridiction de prendre une décision contre toute action qui peut porter préjudice à un actionnaire ou demander à la société d’acheter ces actions. »

Ingingo ya 5: Inama idasanze y’abanyamigabane

Article 5: Special meeting of shareholders

Article 5 : Assemblée générale extraordinaire des actionnaires

Ingingo ya 154 y’ Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y’ubucuruzi nk’uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

Article 154 of Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

L’article 154 de la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour est modifiée et complétée comme suit:

“Inama idasanze y’abanyamigabane ifite ububasha bwo gufata umwanzuro ku kibazo yagejijweho iyo:

“A special meeting of shareholders entitled to vote a resolution on an issue submitted to it where:

« Une Assemblée générale extraordinaire des actionnaires est habilitée à voter une résolution sur une question lui soumise lorsque:

1° yatumiye n’Inama y’Ubutegetsi cyangwa n’undi muntu ubyemererwa n’amategeko-shingiro agenga isosiyete;

1° it is convened by the Board of Directors or a person who is authorised by the company’s articles of association to call the meeting;

1° elle a été convoquée par le Conseil d’Administration ou par une personne autorisée par les statuts de la société;

2° igomba guhamagazwa n’Inama y’Ubutegetsi bisabwe mu nyandiko n’abanyamigabane bafite imigabane ihagarariye nibura icumi ku ijana (10%) by’uburenganzira bwo gutora.”

2° it shall be called by the Board of Directors on the written request of shareholders holding shares carrying together at least ten per cent (10%) of the voting rights.”

2° elle doit être convoquée par le Conseil d’Administration sur demande écrite des actionnaires détenteurs d’actions représentant au moins dix pour cent (10%) des droits de vote. »

Ingingo ya 6: Abagize Inama y’Ubutegetsi y’isosiyete ihamagarira rubanda kuguramo imigabane bigenga

Article 6: Independent Members of the Board of Directors in a public company

Article 6: Membres indépendants du Conseil d’Administration d’une société publique

Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y’ubucuruzi nk’uko

Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to

La Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et

ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 177 bis yanditse ku buryo bukurikira:

date is complemented with Article 177 *bis* worded as follows:

complétée à ce jour est complétée par l'article 177 *bis* libellé comme suit:

“Ingingo ya 177 bis: Abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ihamagarira rubanda kuguramo imigabane bigenga

“Article 177 bis: Independent Members of the Board of Directors in a public company

« **Article 177 bis:** Membres indépendants du Conseil d'Administration d'une société publique

Isosiyete yose ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane igomba kugira abagize Inama y'Ubutegetsi bigenga nibura babiri (2).”

Any public company shall have at least two (2) independent members on the Board of Directors.”

Toute société publique doit avoir au moins deux (2) membres indépendants au Conseil d'Administration. »

Ingingo ya 7: Amakuru yerekeye ubundi buyobozi arimo

Article 7: Information of other directorships

Article 7: Informations sur l'appartenance à la direction d'autres sociétés

Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 191 bis yanditse ku buryo bukurikira:

Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date is complemented with Article 191 *bis* worded as follows:

La Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour est complétée par l'article 191 *bis* libellé comme suit:

“Ingingo ya 191 bis: Amakuru yerekeye ubundi buyobozi arimo

“Article 191 bis: Disclosure of information of another directorships

“Article 191 bis: Informations sur l'appartenance à la direction d'une autre société

Ugize Inama y'Ubutegetsi mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane atanga amakuru ku byerekeye undi mwanya w'ubuyobozi afite mu yindi sosiyete kimwe n'amakuru y'ibanze yerekeye akazi akora cyangwa yigeze gukora mu yindi sosiyete.”

A member of the Board of Directors in a public company shall disclose information regarding directorships in any other company as well as basic information on his/her current or primary employment in another company.”

Un membre du Conseil d'Administration dans une société publique donne les informations sur son appartenance à la direction de toute autre société commerciale ainsi que les informations de base sur son emploi actuel ou antérieur dans ladite société. »

Ingingo ya 8: Kumenyesha abanyamigabane igikorwa cy'ubucuruzi gikomeye cy'ugize Inama y'Ubutegetsi

Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 191 *ter* yanditse ku buryo bukurikira:

“Ingingo ya 191 *ter*: Kumenyesha abanyamigabane igikorwa cy'ubucuruzi gikomeye cy'ugize Inama y'Ubutegetsi

Ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane agomba kumenyesha abanyamigabane b'isosiyete inyungu bwite afite mu gikorwa cy'ubucuruzi gifite agaciro kangana nibura n'icumi ku ijana (10%) by'umutungo w'isosiyete. Ibikubiye muri iki gikorwa bigomba gusuzumwa n'umugenzuramutungo utari mu isosiyete mbere y'uko gitangira.”

Ingingo ya 9: Agaciro k'igikorwa cy'ubucuruzi kirimo inyungu bwite

Ingingo ya 196 y'Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Umunyamigabane ufite inyungu bwite mu gikorwa cy'ubucuruzi agomba kubimenyesha

Article 8: Disclosure by a member of the Board of Directors to shareholders of a major transaction

Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date is complemented with Article 191 *ter* worded as follows:

“Article 191 *ter*: Disclosure by a member of the Board of Directors to shareholders of a major transaction

A member of the Board of Directors in a public company shall immediately disclose any personal interest in a transaction bearing a value of at least ten per cent (10%) of the company's assets to the company's shareholders. The terms of this transaction shall be reviewed by an external auditor prior to its commencement.”

Article 9: Value of a transaction that bears a personal interest

Article 196 of Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

“A shareholder who bears a personal interest in a transaction shall disclose this to the Board of

Article 8: Déclaration aux actionnaires d'une transaction importante par un membre du Conseil d'Administration

La Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour est complétée par l'article 191 *ter* libellé comme suit:

« Article 191 *ter*: Déclaration aux actionnaires d'une transaction importante par un membre du Conseil d'Administration

Un membre du Conseil d'Administration d'une société publique doit immédiatement déclarer aux actionnaires tout intérêt personnel dans une transaction ayant une valeur d'au moins dix pour cent (10%) du patrimoine de la société. La valeur de cette transaction doit être revue par un auditeur externe avant sa prise d'effet. »

Article 9: Valeur d'une transaction ayant un intérêt personnel

L'article 196 de la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour est modifié et complété comme suit:

« Un actionnaire qui a un intérêt personnel dans une transaction doit le déclarer au Conseil

Inama y'Ubutegetsi.

Iyo icyo gikorwa gifite agaciro kangana nibura na gatanu ku ijana (5%) by'umutungo w'isosiyete; kigomba kumenyeshwa abanyamigabane bose bikozwe n'Inama y'Ubutegetsi kandi kikemezwa n'umwanzuro udasanze w'abanyamigabane.

Mu masosiyete ahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane, ibikubiye muri iki gikorwa bigomba gusuzumwa n'umugenzuramutungo utari mu isosiyete mbere y'ishyirwa mu bikorwa by'umwanzuro udasanze w'abanyamigabane."

Ingingo ya 10: Kugaragaza indishyi

Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 215 *bis* yanditse ku buryo bukurikira :

"Ingingo ya 215 bis: Kugaragaza indishyi

Iyo, mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, hagize indishyi iyo ari yo yose itanzwe n'isosiyete ihawe ugize Inama y'ubutegetsi cyangwa undi wese uri ku rwego rw'ubuyobozi bwa sosiyete abimenyesha abagize Inama y'Ubutegetsi n'abanyamigabane."

Ingingo ya 11: Raporo y'ubugenzuzi

Ingingo ya 247 y'Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa

Directors.

Where the transaction is valued at east five per cent (5%) of the company's assets, the transaction shall be immediately disclosed to all the shareholders by the Board of Directors and must be approved by a special resolution of the shareholders.

In public companies, the terms of this transaction must be reviewed by an external auditor prior to the commencement of a special resolution of the shareholders."

Article 10: Disclosure of compensation

Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date is complemented with Article 215 *bis* worded as follows:

"Article 215 bis: Disclosure of compensation

Any member of the Board of Directors or any manager in a public company who receives any compensation from such a company shall disclose it to members of the Board of Directors and shareholders."

Article 11: Auditor's report

Article 247 of Law n° 07/2009 of 27/04/2009

d'Administration.

Lorsqu'une telle transaction a une valeur d'au moins cinq pour cent (5%) de l'actif de la société, elle doit être déclarée à tous les actionnaires par le Conseil d'Administration et approuvée par une résolution spéciale des actionnaires.

Dans des sociétés publiques, les termes de cette transaction doivent être examinés par un auditeur externe avant la mise en exécution d'une résolution spéciale des actionnaires. »

Article 10: Déclaration d'indemnisation

La Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour est complétée par l'article 215 *bis* libellé comme suit :

« Article 215 bis: Déclaration d'indemnisation

Tout membre du Conseil d'Administration ou tout dirigeant d'une société publique qui obtient une indemnisation de cette société le déclare aux membres du Conseil d'Administration et aux actionnaires. »

Article 11: Rapport de l'auditeur

L'article 247 de la Loi n° 07/04/2009 du

Official Gazette n° 19 of 11 May 2015

27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Umugenzuzi w'imari w'isosiyete akora raporo ijyanye n'igenzura ashyikiriza abanyamigabane b'isosiyete. Iyo ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, raporo y'ubugenzuzi inatagarizwa rubanda, hakoreshejwe ibinyamakuru bitatu (3) bisomwa n'abantu benshi mu Rwanda.

Raporo y'umugenzuzi w'imari igomba kugaragaza:

- 1° umurimo wakoze w'umugenzuzi w'imari;
- 2° ibyo yagenzuye;
- 3° ko nta sano, nta nyungu, nta n'umwenda afite mu isosiyete;
- 4° ko umugenzuzi w'imari yabonye amakuru n'ibisobanuro yashakaga;
- 5° ko ibitabo by'ubucuruzi by'isosiyete byuzuye kandi byujujwe neza;
- 6° ko raporo ijyanye n'iby'umutungo yerekana neza uko umutungo w'isosiyete uhagaze, bitaba ibyo hakagaragara aho bitameze neza;
- 7° ko raporo y'igenzura ry'umutungo yateguwe

relating to companies as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

“The auditor of a company shall prepare an audit report and submit it to the company's shareholders. In case of a public company, the report shall also be published through the three (3) most read newspapers in Rwanda.

The auditor's report shall state the following:

- 1° the work done by the auditor;
- 2° the scope and limitations of the audit;
- 3° that the auditor has no relationship, no interests and no debt in the company;
- 4° whether the auditor has obtained all information and explanations he/she needed;
- 5° whether, proper accounting records have been well kept by the company;
- 6° whether, in the auditor's opinion, the financial statements give a true and fair view of the matters to which they relate, and where they do not, shortcomings are identified;
- 7° whether, the financial statements comply

27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour, est modifié et complété comme suit:

« L'auditeur d'une société rédige un rapport d'audit sur les états financiers qu'il soumet aux actionnaires. Lorsqu'il s'agit d'une société publique, le rapport est en outre porté à l'attention du public à travers trois (3) journaux les plus lus au Rwanda.

Le rapport d'un auditeur doit faire ressortir:

- 1° le travail effectué par l'auditeur;
- 2° les activités ayant fait l'objet d'audit;
- 3° que l'auditeur n'a aucune relation, aucun intérêt et aucune dette envers la société;
- 4° le fait que l'auditeur ait obtenu toute information et explications dont il avait besoin;
- 5° que les registres comptables sont régulièrement bien tenus et remplis;
- 6° que les états financiers traduisent l'exactitude des activités auxquelles ils se réfèrent et, dans le cas contraire, faire mention des points qui présentent des irrégularités;
- 7° que les états financiers ont été établis

Official Gazette n° 19 of 11 May 2015

kandi igakorwa hakurikijwe amahame y'ibaturamari mpuzamahanga;	with the international accounting standards;	conformément aux normes internationales de la comptabilité;
8° ko umugenzuzi w'imari w'isosiyete atanga igitekerezo cye akanagaragaza ibibazo ku micungire y'umutungo w'isosiyete;	8° the auditor's opinion and problems that are linked with the company's management;	8° l'opinion de l'auditeur et les problèmes sur la gestion des biens de la société en relevant les irrégularités;
9° Umugenzuzi w'imari atanga inama ku bibazo byagaragaye mu igenzura.”	9° the auditor makes recommendations with regard to the identified problems.”	9° l'auditeur donne des recommandations sur les irrégularités relevées lors de l'audit. »
<u>Ingingo ya 12: Komite ngenzuzi mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane</u>	<u>Article 12: Audit committee in a public company</u>	<u>Article 12: Comité d'audit au sein d'une société publique</u>
Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 247 <i>bis</i> yanditse ku buryo bukurikira:	Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date is complemented with Article 247 <i>bis</i> worded as follows:	La Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour est complétée par l'article 247 <i>bis</i> libellé comme suit:
<u>“Ingingo ya 247 <i>bis</i>: Komite ngenzuzi mu isosiyete ihamagarira rubanda kuguramo imigabane</u>	<u>“Article 247 <i>bis</i>: Audit Committee in a public company</u>	<u>« Article 247 <i>bis</i>: Comité d'audit au sein d'une société publique</u>
Isosiyete yose ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane igomba kugira Komite Ngenzuzi igizwe na bamwe mu bagize Inama y'ubutegetsi harimo nibura umwe mu bigenga. Iyo komite itanga raporo ku banyamigabane mu nama rusange ya buri mwaka cyangwa mu nama yabo idasanzwe.”	Any public company shall have an Audit Committee comprising some of the members of the Board of Directors including at least one independent member. The committee shall report to the shareholders in the annual meeting or in an extraordinary meeting of the shareholders.”	Toute société publique doit avoir un Comité d'Audit composé de certains membres du Conseil d'Administration y compris au moins un membre indépendant. Ce comité donne rapport aux actionnaires lors de l'assemblée générale annuelle ou de l'assemblée extraordinaire des actionnaires. »

Ingingo ya 13: Amahame ifoto y'umutungo igenderaho

Ingingo ya 254 y'Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

“Ifoto y'umutungo w'isosiyete yubahiriza amahame mpuzamahanga. By'umwihariko ifoto y'umutungo yose igomba kugira isobanurampamvu ya politiki z'ingenzi za sosiyete, ingorane ihura nazo, ibishobora gutungurana, ibiteganyijwe bitizewe kugerwaho n'ibindi byagira akamaro bitanzweho raporo.”

Ingingo ya 14: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 16: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangirijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 13: Standards for financial statement preparation

Article 254 of Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

“The financial statements of a company shall comply with international standards. In particular, all financial statements shall contain explanatory notes on significant accounting policies, trends, risks, uncertainties and other factors influencing the reporting.”

Article 14: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 15: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 16: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 13: Normes à suivre pour la préparation des états financiers

L'article 254 de la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour, est modifié et complété comme suit:

« Les états financiers d'une société doivent être établis conformément aux normes internationales. En particulier, tous les états financiers comportent des notes explicatives sur d'importantes politiques comptables, les tendances, les risques, les imprévus et autres facteurs ayant un impact sur le rapport. »

Article 14: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Article 15: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 16: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 19 of 11 May 2015

Kigali, ku wa 05/05/2015

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango
cya Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 05/05/2015

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 05/05/2015

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux